Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

*Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga*

**ITANGAZO RUSANGE RIGENEWE ABAGANA INKIKO KU MYITWARIRE IBONEYE MU IBURANISHA**

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza bumaze kubona ko hari imyitwarire idakwiye ibangamira imigendekere myiza y'iburanisha, buramenyesha abagana inkiko ibi bikurikira:

- Ababuranyi, ababunganira, abatangabuhamya n'abandi bitabajwe n'urukiko (nk'abahanga, ...) bagomba kurangwa n'ikinyabupfura mu mvugo no mu myitwarire igihe bari ahabera iburanisha;

- Abari mu cyumba cy'iburanisha n'ahandi hose urukiko rukorera imirimo ijyanye n'iburanisha birinda gufata ijambo batarihawe, kuganira mu gihe cy'iburanisha, guteza urusaku bagaragaza amarangamutima yabo ku byo bishimiye cyangwa ibitabanyuze no gukurura imvururu mu buryo ubwo ari bwo bwose;

- Telefone n'ibindi bikoresho bifata amajwi n'amashusho ntibyemewe mu cyumba cy'iburanisha n'ahandi hose urukiko rukorera imirimo ijyanye n'iburanisha;

- Icyakora, Abavoka n'ababuranyi bashobora kubyinjirana mu gihe bakeneye kubikoresha mu rubanza baje kuburana, ariko bikaba bigomba kuba byashyizwe mu buryo budasohora amajwi (*silent mode/silencieux*).

- Abanyamakuru n'abandi bantu bose bagana inkiko bashaka gukurikirana iburanisha ntibemerewe kwinjirana telefone n'ibindi bikoresho bifata amajwi n'amashusho mu cyumba cy'iburanisha n'ahandi hose urukiko rukorera imirimo ijyanye n'iburanisha batabiherewe uburengazira mu buryo buteganywa n'amategeko;

- Abagana inkiko bose birinda kwambara imyambaro ibangamiye icyubahiro kigomba urukiko: nk'ingofero, ibitambaro byo mu mutwe (usibye ibiranga imyemerere); imyenda igaragaza ubwambure, ….

- Abambara imyambaro iranga umwuga (*toges*) bagomba kwitwararika ko ifite isuku kandi itunganye;

- Ibyavuzwe haruguru byose byubahirizwa no mu gihe cy'isomwa ry' urubanza;

- Ababirenzeho bashobora guhanwa hashingiwe ku ngingo z'amategeko zigenga ibijyanye no kubahiriza umutekano mu iburanisha.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 07/02/2023.**

**Dr. Faustin NTEZILYAYO**

**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT